

Abakora ubushakashatsi bo muri UVMMC bitabiriye ubushakashatsi bwo ku rwego rw'igihugu bujyanye no gusuzuma uburyo bwiza bwo kugabanya ububabare ku basirikare n'abasivili bagize ibikomere.

Abakora ubushakashatsi bo muri kaminuza ya University of Vermont bitabiriye Igerageza ry'Ubufasha bwo kugabanya ububabare butangwa mbere yo kujya kwa muganga (PAIN) bukorwa na kaminuza ya University of Pittsburgh kandi bugaterwa inkunda na Minisiteri y'ingabo. Ubu bushakashatsi bugereranya uko imiti ibiri ikunda gukoresha ku kuvura abasirikare n'abasivili ububare nyuma yo kugira ibikomere ikora neza kandi mu buryo butekanye.

Iyo miti ibiri ni Fentanyl, yo mu bwoko bwa Opoide n'igipimo gito cya Ketamine, ikora nk'ikinya. Kuva mu muhindo wa 2024, ubu bushakashatsi buyobowe na Daniel Wolfson, MD, Umwarimo w'inzobere wigisha Ubuvuzi bw'ubutabazi na Ajai Malhotra, MD, Umwarimu wigisha Kubana akaba n'Umuyobozi w'ubuvuzi bw'indembe w'Ikigo cya Level-I Trauma Center kuri UVMMC.

Kuri ubu, iyo miti yombi ikunda gukoreshwa n'abatanga serivisi za mbere yo kujya kwa muganga muri Vermont kugira ngo bagabanye ububabare bwa nyuma yo kugira bikomere. icyakora, ntabwo turamenya umuti ukora neza ku kugabanya ububabare kandi ukaba utanatera ingaruka mbi cyangwa ziteye inkeke. Ubu bushakashatsi buzafasha gusubiza ibi bibazo kandi buzagirira akamaro abasirikare bagiriye ibikomere ku rugamba n'abasivili mu baturange basanzwe, harimo n'abaturage na Vermont. Ubu bushakashatsi ni bumwe mu ruhererekane bw'ubushakashatsi buterwa inkunda na Minisiteri y'ingabo binyuze mu iperereza rifite aho bihuriye mu Ihuriro rya serivisi z'indembe n'ubutabazi bwihutirwa (LITES - www.litesnetwork.org) kugira ngo hamenyekane amabwiriza agenga imigirire y'ubuvuzi no kuvugurura ibisanzwe bikorwa kugira ngo havurwe ibikomere bikomeye.

Dr. Wolfson agize ati: “Fentanyl ikonda gukoreshwa mu kuvura ububabare bw'abarwayi b'indembe ariko igabanye ogusijene mu mubiri ndetse n'uumuvuduko w'amaraso, bikaba babyongera uburwayi bw'umuntu wagize ibikomere kandi rimwe na rimwe bigasaba ko ashyirwa ku ipombo imwongerera umwuka. Hari kandi n'ibyago byo guhora ukoresha opioide by'igihe kirekire. Ketamine nke irakora cyane mu kugabanya ububabare kandi ishobora kugabanya ibyago biterwa na opioide, ariko ishobora gutera ibibazo byo kumva amajwi no kubona amashusho y'ibidahari, kwiheba no kumva uri wenyine.” Iki kibazo kiba cyane mu basirikare. Dr. Malhotra yongeraho ati: “Intego ni ugufasha abasirikare kwita ku bakozi bacu bagize ibikomere mu buryo buboneye, hagenwa imiti ikora neza kugira ngo hagabanywe ubutare kandi nanane hagabanywa ingaruka mbi z'igihe gito n'iz'igihe kirekire.

Ubu bushakashatsi buzakorwa ku barwayi 1000 bagize ibikomere bo mu bigo bigari byigishirizwamo ubuvuzi cumi na bibiri muri Leta zunze ubumwe za Amriko bigize ihuriro rya LITES Network. Abo barwayi bakorerwaho ubushakashatsi bazajya bahabwa Fentanyl cyangwa Ketamine kugira ngo bagabanyirizwe ububabare nyuma yo kugira ibikomere. Abo barwayi bakorerwaho ubushakashatsi bazajya bakurikiranirwa hafi kugira ngo harebwe ko ububabare bugabanuka mu buryo buboneye no kureba ibibazo by'igihe gito n'iby'igihe kirekire. Dr. Wolfson yavuze ati: “Ketamine na Fentanyl yombe isanzwe ikoresha na serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa muri Vermont nk'imiti isanzwe igabanya ububabare. Ubu bushakashatsi buzadufasha kumenya neza umuti uvura neza kandi ukagira ingaruka nke.”

Umuntu wese ashobora kuva mu bushakashatsi avugishije abagize itsinda rikora ubushakashatsi kuri 1-800-664-0557 cyangwa akohereza imeyiri kuri PAINStudy@edc.pitt.edu kugira ngo ahabwe agakomo ko kuva mu bushakashatsi kanditse “NO PAIN Study”. Ukeneye ibindi bisobanuro wasura www.ClinicalTrials.gov maze ukareba NCT05437575. Ni ingenzi ko abaturanye ba Vermont basobanukira neza ko kuva mu bushakashatsi bitabuza abarwayi bagize ibikomere guhabwa imiti y'ububabare uko ubuvuzi busanzwe butangwa, ari ukuva mu bushakashatsi gusa.

Ubu bushakashatsi buterwa inkunda na Minisiteri y'ingabo binyuze mu masezerano W81XWH-16-D-0024 W81XWH-19-F-0539. Ibitekerezo bikubiye muri iyi nyandiko ni iby'umwanditsi kandi ntibivuze ko bihuye n'ibya Minisiteri y'ingabo.